

IKINYARWANDA

Itariki 28/06/2022

Isaha : saa munani-saa kumi
(14h00-16h00)



IBIZAMINI BISOZA IGIHEMBWE CYA 3

IKICIRO:

AMASHURI ABANZA

UMWAKA WA:

4

IGIHE KIMARA:

Amasaha 2

AMANOTA:

..... /50

AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo cumi na bitanu (15). Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose yuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 15)
 - Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota 10)
 - Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 15)
 - Igice cya kane: Ihangamwandiko (amanota 10)
4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6. Subiriza mu mwanya wagenwe.
7. Koresha gusa ikaramu y'ubururu cyangwa iy'umukara.

TWITE KU BUZIRANENGE BW'IBYO DUHAHA

Umugabo Ruhira wari utuye mu mudugudu wa Cyarugira yabaze inkabakizwa na muganga.

Nk'uko Ruhira yabisobanuriye aho yari afungiyeyabonye inkayeyitangiye guhindura ubwoya atekereza ko irwaye ajyagushakamuganga w'amatungokugira ngo ayimuvurire. Yagiye kumureba ntiyamubona maze ahurira ku isoko n'umukozi wakoraga ku cyogo k'inka witwa Murindahabi amutekerereza uko inkayeyirwaye undi amubwira ko ashobora kuyivura. Bwarakeye Murindahabi ajya kwa Ruhira inkayayitera urushinge. Amaze kuyitera, Ruhira amubaza uko azabyifatamokenomeza kurwara. Murindahabi aramusubiza ati : “Wahamagara abaturage bakayirya kuko nayiteye umuti mwiza.” Uko yakabivuze, inkayyakomeje kumererwa nabi noneho arayibaga abaturage bagura inyama ndetse na we afataho izo kurya.

Hashize amasaha make, abantu bariye kuri iyo nka batangiye kurwara, bagafatwabahitwakandi bakazungera bakitura hasi. icyakorahari abatararwayekandi na bo barariye kuri iyo nka. Ibyo ariko ntibitangaje cyane kuko abantu badahuza amaraso. Abarwaye cyane ngo ni abariye inyama zokeye n'izo mu nda.

Bamaze gufatwabateye kwa Ruhira bamusaba kubajyana kwa muganga kubera ko yabahaye inyama zikabatera indwara. Yahise akodesha imodoka abajyana kwivuriza ku bitaro by'i Kiziguro baravurwabarakira. Bari bageze nko kuri mirongo itandatu kuburyo imodoka yabatwaye inshuro ebyiri. Umwana wa Ruhira yaje gupfa azize izonyama kubera ko yariye cyane inyama zo mu nda ari na zo zikunze kuba zirwaye kurusha izindi. Ruhira yasabwe kwitaba ubuyobozi bwamushakishaga ngo aze gusobanura ukuntu yabaze inkayyari imaze imbaga kuko hapfuye abantu babiri harimo umwana we n'undi mwana w'umuturanyi.

Ruhira yasobanuye ko Murindahabi amaze kuvura inkayeyyamubwiye ko ikomeje kumererwa nabi yayitanga bakayirya kuko umuti yatewe wari mwiza. Murindahabi ntiyari afite uburenganzira bwo gutera inkayyumuti kuko nk'umukozi w'icyogo k'inka yateraga gusa umuti wica uburondwe igihe zije mu cyogo.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 15)

- 1) Ruhira uvugwa mu mwandiko: **(amanota 4)**
(a) yari atuye mu wuhe mudugudu?
(b) Kuki yagiye kureba muganga w'amatungo.
(c) Kubera iki muganga w'amatungo atamuvuriye inka?.....
.....
(d) Abonye ko inka ye ikomeje kumererwa nabi ni uwuhe mwanzuro yafashe?
.....
- 2) Abantu barwaye cyane ni abariye inyama zimeze zite? **(amanota 2)**
.....
- 3) Abo inyama zaguye nabi bivuriye he? **(inota 1)**
.....
- 4) Simbuza ijambo ritsindagiye imbusane yaryo. **(amanota 4)**
(a) **Bwarakeye** Murindahabi **ajya** kwa Ruhira.
(b) Nabonye abantu benshi **binjira** mu ibagiro.....
(c) Ibintu byose **tugura** bigomba kuba byujuje ubuziranenge.....
- 5) Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko: **(amanota 4)**
(a) Icyogo:
(b) Imbaga:
(c) Akodesha imodoka:
(d) Uburondwe:

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)

- 6) Vuga ubwoko bw'interuro zikurikira: **(amanota 3)**
(a) Ntitugomba gusiba uko twishakiye.
(b) Mbese muzaza ryari?
(c) Ayiwe! Nari nguyeyi!
- 7) Garagaza imimaro y'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira: **(amanota 3)**
(a) Abanyeshuri barakubura **ishuri**.....
(b) **Gatete** akunda umupira w'amaguru.....
(c) Umwarimu **arakosora** impapuro.....

8) Hakana ukoresha impakany **“nta”** mu nteruro zikurikira: **(amanota 2)**

(a) Hari umusinzi ugira isuku.

.....

(b) Hari abantu bashyigikira ibirara.

.....

9) Uzuza mu nteruro zikurikira indangahantu zikwiye **(amanota 2)**

(a) Shyira iyo sahane meza.

(b) Agiye Kabgayi kwiga.

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW’URURIMI (amanota 15)

10) Musimbuze amagambo atsindagiye andi bisobanura kimwe: **(amanota 3)**

(a) Saa sita yageze muze **twegere ameza**.

(b) Zana iyo **ntorezo** nge kwishakira udukwi.

(c) Mu cyaro nabonyeyo **urukiza**.....

11) Garagaza ibintu bitatu (3) biranga umugani muremure. **(amanota 3)**

.....

.....

.....

12) Noza imvugo usimbuza amagambo atsindagiye amazina agaragaza amasano yo mu muryango. **(amanota 3)**

(a) Karisa yondowe na **mushiki wa se**.....

(b) Karisa yatabawe n’**umukobwa bavukana**.....

(c) **Nyina w’ umugore we** yamusuye.....

13) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe! **(amanota 3)**

(a) Mugongo mugari mpekera abana!.....

(b) Turaye ubuzima zumye!

(c) Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo !.....

14) Uzuza imigani migufi ikurikira: **(amanota 3)**

(a) Ikinyoni kigurutse kitavuze

(b) yishe ukuze.

(c) Igitiki kiswe umwana

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 10)

- 15) Andika akandiko kagufi katarengaje imirongo cumi n'itanu, uvuga ibiribwa n'ibinyobwa binyuranye wategurira icyarimwe kugira ngo ube uteguye indyo yuzuye.

(amanota 10)

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....

.....**IHEREZO**.....